CIRCULAIRE Nº 44/55 YO KUWA 30 UKWAKIRA 1955.

Ibyemejwe by'Abatware b'Intara.

Ku Batware b'intara bose ba Urwanda.

Ndabaramutsa.

Mw'isuzuma ry'ibyemejwe n'abatware b'intara byose,bikurikije ingingo 34 na 56 z'itegeko ryo ku munsi wa 14 nyakanga 1952 rishinga imitegekere mishya ya Ruanda-Urundi,nasanze ibyo byemejwe bitanditse ku buryo bukurikije ibyashyizweho na iryo tegeko ryavuzwe.

Kuva ubu,uretse icyahinduka,nzemera gusa ibyemejwe byanditse bikurikije uru rugero rukurikira:

" Résidence y'Urwanda
Territoire ya....
Intara ya .......

Icyemejwe nº /19..

Umutware w'Intara ya .......

Dushingiye kw'itegeko ryo ku munsi wa 14 nyakanga 1952,rishinga imitegekere mishya ya Rwanda-Urundi, cyane cyane ku ngingo za 34, 56, ........

Dushingiye kw'itegeko nº21/86 ryo ku munsi wa 10 nyakanga 1953 rya Mburamatare wa Rwanda-Urundi,risobanura uburyo itegeko ryo ku munsi wa 14 nyakanga 1952 rizakurikizwa:

Duhuje imigabo n'Inama y'intara mu iteraniro ryayo ryo kuwa...

Tubonye icyemezo cy'Umwami w'Urwanda cyo kuwa .......

Ingingo ya 1.

..........................................................................
..........................................................................

Ingingo ya 2.

..........................................................................
..........................................................................

Ingingo ya 3.

..........................................................................
..........................................................................

n'ibindi ..........

........ k'uwa ............

| Umwanditsi w'Inama, | Umutware w'Intara, |
| --- | --- |
| (umukono) | (umukono) |

Ingingo ya nyuma igomba kumenyesha itarki icyemejwe kizatangiriraho gukurikizwa (leba ingingo 34, ikibezi cya 9 n'icya 11).

Impapuro ebyili ziriho umukono w'Umwanditsi n'uwa Umutware, rumwe rwanditse mu kinyarwanda urundi mu gifransa zizangeraho, zinyuze mu nzira y'ubutegetsi isanzwe.-

Nyanza-Ruanda, le 30 novembre 1955.
Ch. Mutara Rudahigwa
(sé) Ch. Mutara Rudahigwa.

Umwami w'Urwanda.

Ruhengeri
574